Ibaruwa ya Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, S.J. Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ishishikariza abakristu kudacikanwa n'ingabire za Yubile idasanzwe y'impuhwe z'Imana.

Basaserdoti,

Bihayimana

Bakristu bavandimwe,

« Mbifurije ineza n'amahoro biva ku Mana Data no kuri Nyagasani Yezu Kristu » (2 Tes.1,2). Nyirubutungane Papa Fransisko, ku itariki ya 13 Werurwe 2015 umunsi yizihizaga isabukuru y'umwaka wa kabiri atorewe kuba umusimbura wa Petero Mutatifu yatangaje ko agiye gushyiraho umwaka wa Yubile idasanzwe y'Impuhwe z'Imana. Ku itariki ya 11 Mata 2015 yanditse ibaruwa isobanura ibyuwo mwaka (Bulle d'Indiction). Itangizwa n'amagambo y'Ikilatini « Misericordiae Vultus », atubwira ko Yezu Kristu ari uruhanga tureberaho impuhwe z'Imana Data, rwo rukundo ruhoraho rutagira ikirucogoza. Wa mutima w'Imana ubabazwa no kubona akababaro kabo yaremye mu ishusho rye abakunze, banahemuka agakomeza kubakunda, by'agahebuzo akaba yarabohererereje Umwana We Yezu Kristu akabereka mu bikorwa urwo rukundo rugera ku ndunduro mu rupfu n'izuka rye. *« Koko Imana yakunze isi cyane bigeza aho itanga Umwana wayo w'ikinege, igira ngo umwemera wese atazacibwa, ahubwo agire ubugingo bw'iteka » (Yh. 3,16)*

Mu rwandiko rwe Papa asobanura birambuye ibyerekeye uwo mwaka wa Yubile idasanzwe y'Impuhwe z'Imana, akanaduha ibizadufasha kuwizihiza kugira ngo izo mpuhwe zidusesekazweho. Yagennye ibihe bizatuma abasaserdoti babona umwanya wo gusobanurira abakristu iby'izo mpuhwe. Ndasaba abasaserdoti gusoma urwo rwandiko rurerure bitonze, baruzirikane rubungure umutima ku giti cyabo, kandi bazanavomemo ibyo bazashyikiriza abakristu. Mu byo Papa ateganya harimo ibintu bibiri by'ingenzi :

1. Urugendo rutagatifu tugana ahagenewe kuba urugi rutagatifu
2. Ibikorwa bwite by'impuhwe bya buri muntu.

A. Urugi rutagatifu

Urugi rutagatifu ni urugi rwa buri Kiliziya yatoranyijwe abashoje urugendo rutagatifu binjiriramo mu kiliziya bikababera ikimenyetso ko binjiye mu mpuhwe z'igisagirane z'Imana. Bisanzwe biba i Roma iyo habaga umwaka mutagatifu, ariko ubu Papa Fransisko yahaye Abepiskopi b'isi yose kuzagena ahazaba urwo rugi muri Diyosezi zabo.

Ku itariki ya 8 ukuboza, k'umunsi wa Bikira Mariya Utasamanye icyaha niho umwaka udasanzwe w'Impuhwe z'Imana uzatangira, ukazasozwa ku itariki ya 20 Ugushyingo 2016, ku munsi mukuru wa Kristu Umwami. Papa yifuje guhuza itangira ry'umwaka udasanzwe w'Impuhwe z'Imana n'isabukuru y'imyaka mirongo itanu Inama Nkuru ya Vatikani ya kabiri imaze ishojwe.

Ku wa mbere tariki ya 8 Ukuboza 2015 niho Papa azafungura urugi rutagatifu mu gitambo cy'Ukarisitiya cyo gutangiza uwo mwaka. Ni urugi rwa Basirika nkuru y'i Roma yitiriwe Petero Mutagatifu. Ku cyumweru tariki ya 13 Ukuboza 2015, hazaba ari icyumweru cya gatatu cy'Adventi, Papa azakingura urugi rwa Basirika yitiriwe Mutagatifu Yohani y'i Latrani, ni yo Katederali ya Papa nk'Umushumwa wa Roma ikaba ityo Kiliziya Nkuru y'Umushumwa wa Kiliziya yose, umusimbura wa Petero Intumwa. I Roma hari n'izindi nzugi za Bazilika Papa yateganyije ko zizafungurwa.

Kuri uwo munsi Papa yasabye Abepiskopi b'isi yose kuzafungura urugi rutagatifu rwateganyijwe kuri Katedrali zabo, bakanohereza intumwa zabo gufungura urugi rutagatifu ahandi haba harateganyijwe.

Muri Diyosezi ya Nyundo urugi rutagatifu ruteganyijwe kuri Katedrali ya Nyundo n'i Kongo Nili k'Umurwa w'Umubyeyi w'Abakene.

Tugaruke ku by'urwo rugi rutagatifu kuko hari benshi babyumvise ubwa mbere. Ni urugi rusanzwe, ariko muri uyu mwaka wose ruzaba ari ikimenyetso gikomeye cy'uko urwinjiriyemo ahabwa ingabire zigenewe uyu mwaka w'impuhwe z'Imana. Kugana ahari urwo rugi bizaba ari urugendo rutagatifu nk'uko tujya i Kibeho cyangwa i Kongo Nili, nk'uko ababishoboye bajya ahandi hantu hatagatifujwe n'ibyahabereye. Ni urugendo umuntu yitegura,

byashoboka agahabwa inyigisho, akagarura umutima mu nzira iboneye, akicuza ibyaha, agahabwa penetensiya, akemera no kugira uko yibabaza akora urwo rugendo. Byose bigasozwa no kwinjirira muri rwa rugi, abantu bagatura igitambo cy'Ukarisitiya. Papa aravuga ati: ***"Ndifuza ko uwemera wese abona rwose ubugwaneza bw'Imana, ko asa n'ubukozaho urutoki."*** Kugana urwo rugi bizabe uburyo bwo kugaragaza ubushake buvuye k'umutima bw'uguhinduka nyako. Abantu bazagane aho hantu hatoranyijwe bashaka kugarura umutima ku Mana, kuva mu byaha no kwiyungura urukundo. Papa na none avuga ko urugendo rutagatifu ari ***"ikimenyetso cyihariye cy'Umwaka Mutagatifu" "ni*** **ishusho y'urugendo umuntu wese aba arimo mu buzima bwe":** Ubuzima ni urugendo rutagatifu, umuntu ni umugenzi ukora urugendo agana ku iherezo twifuza. Ati: ***" kugira ngo umuntu yinjirire mu rugi rutagatifu, ari i Roma, ari n'ahandi, buri muntu akurikije uko intege ze zibimwemerera azigore akore urugendo..."*** Maze kwinjira mu rugi rutagatifu bizabe nko kureka impuhwe z'Imana zikaduhobera (nka wa mubyeyi w'umwana w'ikirara Ivanjili itubwira), noneho natwe twiyemeze kuba abanyampuhwe nka Data wo mu ijuru" (reba M.V. n° 14).

Papa yageneye abazakora urugendo rutagatifu indulgensiya ya Yubile, ni ukuvuga impuhwe zishyitse zihanagura ibisigisigi icyaha cyateye muri twe. Duhabwa imbabazi zuzuye mu Isakaramentu rya Penetensiya ariko icyaha kiba cyaradushegeshe tugasigarana inkurikizi zacyo z'intege nke zikomeza kudukururira ibibi, nizo dushaka ko Imana idukiza kandi ngo itubabarire. Kugira ngo umuntu aronke izo mpuhwe za Yubile asabwa ibi bikurrikira.

1. Guhabwa Penetensiya: Kwisuzuma ukagaya ibyaha byose ukicuza, ukabyirega ufite umugambi wo kutazabisubira, ugahabwa imbabazi mu Isakramentu.

2. Kuzirikana ku mpuhwe z'Imana: kumva ko impuhwe z'Imana Data zidushakashaka niyo twazimiye kandi ko Imana ari nyirimbabazi zidatezuka. Ntawe ukwiye kwiheba ngo Imana ntiyamubabarira.

3. Guhabwa Ukarisitiya: abazakorera urugendo hamwe bazinjira mu rugi rutagatifu bagiye gutura Igitambo cy'Ukarisitiya.

4. Guhamya ukwemera: Umuntu yabikora avuga isengesho rya Nemera Imana Data, ashaka kuba mu bumwe bwa Kiliziya.

5. Gusabira ibyo Papa yifuza: Umushumba wa Kiliziya afite ibyifuzo nk'utwaye ubuyobozi bw'umuryango w'Imana. Asaba ko nibura umuntu yavuga isengesho rya Dawe uri mu ijuru azirikana ibyo yifuza.

Abarwayi, abakuze cyane, abafite ubumuga, abagororwa n'abandi bose batazashobora gukora urugendo rutagatifu bajya ahabigenewe, basabwa gutura ububabare bwabo, bukababera uburyo bwo kwegera Imana. Babonye ababibafashamo nabo bahabwa Penetensiya n'Ukarisitiya, bagahamya ukwemera, bakanasabira ibyo Papa yifuza. Papa avuga ko kuribo no kunvira misa kuri radiyo biyunze na Kiliziya bashaka ingabire z'uyu mwaka Mutagatifu w'Impuhwe z'Imana bazazihabwa. Yarazibahaye mu izina ry'Uwamutoye akamushinga kuyobora Kiliziya Ye.

Kubyerekeye abagororwa Papa yifuza ko abasaserdoti bafite ubutumwa mu magereza babafasha gusobanukirwa n'iby'impuhwe z'Imana. Mbere na mbere bakagarura umutima, bakagaya rwose icyaha cyatumye bahanwa, bakiyemeza guca ukubiri na cyo, bakiringira impuhwe z'Imana zitagira uwo zisubiza inyuma iyo yicujije by'ukuri. Papa avuga ko kuri bo igihe bazaba bagaruye umutima bagahabwa Penetensiya n'Ukarisitiya, kwinjira mu rugi rw'icyumba bafungiyemo bizababera urugi rutagatifu, bagahabwa indulgensiya ya Yubile y'Impuhwe z'Imana. Papa arifuza ko muri uwo mwaka habaho imbabazi zirekura benshi bicujije bakemera icyaha kandi bagafata umugambi wo guhinduka bashya.

B. Ibikorwa by'Impuhwe (cfr. M.V.nº 15)

Kenshi muri Paruwasi urugendo rutagatifu abakristu bazarukora mu matsinda anyuranye: imiryango y'Agisiyo Gatolika, abapfakazi, abahereza, abakozi, abanyeshuri,... Ariko hari kandi ikindi gikomeye Papa agarukaho cyane: ni ibikorwa bwite by'impuhwe umuntu azakora azirikana uyu mwaka w'impuhwe, asaba kugira ngo nawe abe umunyampuhwe nka Data wo mu ijuru. *"Nimube abanyampuhwe nk'uko So ari umunyampuhwe." (Lk. 6, 36)*

Ibikorwa by'Impuhwe birimo ibice bibiri

a) Ibikorwa bita impuhwe z'umubiri (oeuvres de miséricorde corporelles) aribyo ibi:

1. Kugaburira abashonji
2. Guha icyo kunywa abafite inyota
3. Kwambika abambaye ubusa
4. Kwakira abanyamahanga, abari mu rugendo n'abari mu kaga
5. Gusura abarwayi
6. Gusura abagororwa
7. Gushyingura abapfuye

b) Ibikorwa by'impuhwe bijyanye n'ubuzima bwa Roho (œuvres de miséricorde spirituelles)

1. Kugira inama abashidikanya mu kwemera
2. Kujijura abafite ubumenyi buke
3. Gufasha abanyabyaha guhinduka
4. Guhumuriza abababaye
5. Kubabarira abaducumuyeho
6. Kwihanganira amafuti y'abandi
7. Gusabira abazima n'abapfuye

Papa aravuga ati: ***" Igihe cyose umuntu azakora kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikorwa by'impuhwe azahabwa bidashidikanywa indulgensiya ya Yubile."*** Ati: ***"Niyo mpamvu abantu bakwiririye kwiyemeza kugira impuhwe kugira ngo bashobore guhabwa izi mbabazi zuzuye kandi zisesuye dukesha imbaraga z'urukundo rw'Imana Data, rutagira uwo rusubiza inyuma*** (Cfr lettre au Cardinal R. Fisicella)

Abitabye Imana

Iyi ndulgensiya ya Yubile dushobora no kuyironkera abitabye Imana. Nk'uko tubaturira Igitambo cya Misa, dushobora no gukora bimwe muri ibi byateganyijwe aribo tuzirikana, tugira ngo ibisigisigi by'ibyaha bihanagurwe maze bakirwe mu ihirwe ridashira.

C. Uburyo bwihariye bwo kwizihiza Umwaka wa Yubile z'impuhwe z'Imana muri Diyosezi yacu.

1. Kugira ngo abakristu bazafashwe kujya mu rugendo rutagatifu bagana urugi rutagatifu ku Nyundo cyangwa i Kongo-Nili hateguwe gahunda y'izo ngendo mu mwaka wose. Twabivuganyeho n'abasaserdoti. Buri Paruwasi ifite igihe yagenewe.

Abasaserdoti bazajyana n'abakristu muri urwo rugendo, bazongera babibutse ibyerekeye impuhwe z'Imana. Izo ngendo zizasozwe n'Igitambo cy'Ukarisitiya.

2. Mu nyigisho zo kuri Paruwasi no mu miryango-remezo abantu bazibukiranye uko umuntu ku giti cye yakora ibikorwa by'impuhwe.

3. Hari ibikorwa rusange by'impuhwe twatekereje ho mu nama y'abasaserdoti, bitabujije ko haba n'ibindi, nabyo tuzabyiteho. Muri buri paruwasi, santarali n'umuryango-remezo hazateganywe urwibutso uyu mwaka w'impuhwe uzadusigira. Abasaserdoti banyu bafite urutonde rw'ibikorwa bimwe na bimwe twagiye twumvikanaho. Bazarubagezaho.

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu bavandimwe,

Tugiye gutangira urugendo rurerure tuzirikana impuhwe zitangaje z'Imana. Imana iradukunda kandi yifuza ko ntanumwe wazimira ahera mu cyaha. Nka wa muririmbyi wa zaburi tugire tuti: *" Nzaririmba iteka ryose, impuhwe zawe Nyagasani. " (Zab. 89)* Tujye duhora twibuka ko turi mu rugendo rugana Imana. Hano ku isi turi abagenzi n'ubwo dukunda kwizirika ku by'isi bigatuma duhemukira abandi. Uyu mwaka utubere umwaka wo gusaba imbabazi Imana no gusaba imbabazi bagenzi bacu. *"Utubabarire ibicumuro byacu nk'uko natwe tubabarira abaducumuye ho." (Mt.6,12)* Utubere umwaka wo gutanga imbazi no kwiyunga. Nimureke Imana itubohore imitima, maze amahoro aganze mu mitima yacu, mu ngo zacu no mu mibanire yacu. Uyu mwaka wa Yubile idasanzwe udukangurire kwita kubatishoboye, ku bari mu bibazo binyuranye bibaremereye. *"Hahirwa abagira impuhwe kuko bazazigirirwa." (Mt. 5,7)*

Bikira Mariya, Mubyeyi ugira ibambe, tube hafi muri uru rugendo rwa Yubile idasanzwe y'impuhwe z'Imana.

Bikira Mariya Mubyeyi w'Abakene, tuyobore kuri Yezu soko idakama y'impuhwe, utubere ikiramiro mu mibabaro yacu.

Bikorewe ku Nyundo ku wa 22 Ugushyingo 2015

K'umunsi Mukuru wa Kristu Umwami.

+ Alexis HABIYAMBERE, S.J.

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Ibaruwa ya Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, S.J.
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ishishikariza abakristu
kudacikanwa n'ingabire za Yubile idasanzwe y'impuhwe z'Imana.